**UMURYANGO W'ABIBUMBYE**

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

| | |
|---|---|
| Urubanza N°: | MICT-25-135-I |
| Itariki: | 22 Gicurasi 2025 |
| Umwimerere: | Icyongereza |

**UMUCAMANZA UMWE RUKUMBI**

| | |
|---|---|
| **Umucamanza:** | **Joseph E. Chiondo Masanche** |
| **Gerefiye:** | **Abubacarr M. Tambadou** |
| **Itariki:** | **22 Gicurasi 2025** |

**URUBANZA RWA PETER ROBINSON**

***INYANDIKO ITARI IBANGA***

---

# ICYEMEZO KU CYIFUZO CY'INCUTI Y'URUKIKO CYEREKERANYE N'INYANDIKO ZO MU ZINDI MANZA

---

***Incuti y'Urukiko***

Kenneth Scott

**Peter Robinson**

Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**NJYEWE**, **JOSEPH E. CHIONDO MASANCHE**, Umucamanza w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT") nkaba n'Umucamanza umwe rukumbi muri uru rubanza[1];

**MAZE KUBONA** Icyifuzo, cyatanzwe ku itariki ya 28 Werurwe 2025[2], aho Incuti y'Urukiko[3] isaba: (i) ko Peter Robinson yemererwa kugera kuri dosiye y'urubanza yose mu *Rubanza Porokireri aburana n'Anselme Nzabonimpa na bagenzi be*, N° MICT-18-116-R90.1 ("Urubanza rwa Nzabonimpa na bagenzi be") no ku nyandiko zimwe na zimwe zatanzwe mu *Rubanza Porokireri aburana na Augustin Ngirabatware*, N° MICT-12-29, no mu *Rubanza Porokireri aburana na Augustin Ngirabatware,* N° MICT-12-29-R ("Imanza za Ngirabatware")[4]; kandi (ii) ko ahabwa uruhushya rwo kuzimenyesha abayobozi bo mu gihugu urubanza rwe rushobora kwimurirwamo[5];

**MAZE KUBONA KO** Robinson atarwanya icyo Cyifuzo[6];

**MAZE KUBONA KO** ikibazo cy'ibanze cyo kumenya niba uru rubanza rwakohererezwa abayobozi bo mu gihugu ubu kigisuzumwa kandi ko, nikimara gufatwaho icyemezo, ibibazo byerekeranye no kuba ababuranyi muri uru rubanza bagera kuri bene izo nyandiko cyangwa bazikoresha, harimo n'izo mu Rubanza rwa Nzabonimpa na bagenzi be no mu Manza za Ngirabatware, icyo gihe bizaba ari ibibazo bigomba gusuzumwa[7];

**MAZE KUBONA RERO KO** icyo Cyifuzo cyatanzwe igihe kitaragera;

**MAZE KUBONA KANDI KO** Robinson asaba ko Icyemezo cyatanzwe mu rubanza rwa Nzabonimpa na bagenzi be ku itariki ya 22 Nzeri 2022, mu nyandiko y'ibanga kandi ifite abo

---

[1] Itegeko rishyiraho Umucamanza umwe rukumbi kugira ngo asuzume ikibazo, 3 Werurwe 2025, paje ya 1. Reba n'Icyemezo gitanga Itegeko mu mwanya w'inyandiko y'ibirego, 25 Gashyantare 2025, paje 2-7; *Urubanza Porokireri aburana n'Anselme Nzabonimpa na bagenzi be*, N° MICT-18-116-R90.1, Icyemezo ku bivugwa ko hakozwe icyaha cyo gusuzugura Urukiko, 25 Gashyantare 2025 ("Icyemezo cyo ku itariki ya 25 Gashyantare 2025"), igika cya 41.
[2] Icyifuzo gisaba kwemererwa kugera ku nyandiko zo mu manza zaburanishijwe mbere, 28 Werurwe 2025 ("Icyifuzo").
[3] Reba Icyemezo cyo ku itariki ya 25 Gashyantare 2025, igika cya 4, igisobanuro N° 12 cyo hasi kuri paje (Havugwa ko Gerefiye yashyizeho Kenneth Scott nk'Incuti y'Urukiko ("Incuti y'Urukiko") kugira ngo akore iperereza kuri Robinson).
[4] Icyifuzo, paje 1, 8, 9, ibika 10, 15, 16. Reba Icyifuzo, ibika. 24, 25. Reba n'*Urubanza Porokireri aburana na Marie Rose Fatuma na bagenzi be*, N° MICT-18-116-A, Icyemezo ku Cyifuzo cy'Incuti y'Urukiko gisaba kwemererwa kugera ku nyandiko, no ku bisaba ko ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya zisobanurwa kandi zigahindurwa, 21 Mutarama 2022, paje 2, 4, 5; *Urubanza Porokireri aburana n'Anselme Nzabonimpa na bagenzi be*, N° MICT-18-116-R90.1, Icyemezo ku Byifuzo by'Incuti y'Urukiko bisaba kwemererwa kugera ku nyandiko z'ibanga zo mu rubanza rwa Ngirabatware, no ku bisaba ko ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya zihindurwa, 23 Werurwe 2022 (Inyandiko y'ibanga kandi ifite abo itagomba kumenyeshwa; yagizwe inyandiko itari ibanga hashingiwe ku Cyemezo ku Cyifuzo cy'Incuti y'Urukiko gisaba ko inyandiko zihindurirwa urwego rw'umutekano, 27 Werurwe 2025 ("Icyemezo cyo ku itariki ya 27 Werurwe 2025"), paje 5, 6.
[5] Icyifuzo, paje 1, 9, ibika 26, 28. Reba n'Icyifuzo, ibika. 9, 19-23.
[6] Igisubizo ku Cyifuzo gisaba kwemererwa kugera ku nyandiko zo mu manza zaburanishijwe mbere n'Icyifuzo gisaba ko inyandiko Gerefiye yatanze, zerekeranye no kugera ku nyandiko, zihindurirwa urwego rw'umutekano, 2 Mata 2025 ("Igisubizo"), igika cya 1.
[7] Reba Itegeko risaba gutanga imyanzuro, 13 Gicurasi 2025.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

itagomba kumenyeshwa, gihindurirwa urwego rw'umutekano maze kikagirwa inyandiko itari ibanga, kandi ko Icyifuzo cy'ibanga kandi gifite abo kitagomba kumenyeshwa, Incuti y'Urukiko yatanze muri urwo rubanza ku itariki ya 13 Nzeri 2022, cyafashweho icyo Cyemezo, gihindurirwa urwego rw'umutekano maze kikagirwa inyandiko y'ibanga (bivugiwe hamwe byitwa, "Icyifuzo cya Robinson")[8], akaba avuga ko izo nyandiko, mu miterere yazo, zimeze kimwe n'inyandiko zatanzwe mu rubanza ziherutse guhindurirwa urwego rw'umutekano maze zikagirwa inyandiko zitari ibanga muri uru rubanza[9];

**MAZE KUBONA KO** Incuti y'Urukiko itarwanya Icyifuzo cya Robinson[10];

**MAZE KUBONA KO** muri IRMCT inyandiko zose zerekeranye n'urubanza zigomba kuba atari ibanga uretse igihe hari impamvu zidasanzwe[11];

**MAZE KUBONA KO** nta mpamvu zidasanzwe zihari zatuma Icyemezo cyo ku itariki ya 22 Nzeri 2022 cyatanzwe mu rubanza rwa Nzabonimpa na bagenzi be gikomeza kuba inyandikoy'ibanga;

**MAZE KUBONA KO**, hakurikijwe uko ibintu byifashe, bikwiye ko Icyifuzo cyo ku itariki ya 13 Nzeri 2002, cyatanzwe mu rubanza rwa Nzabonimpa na bagenzi be, n'Icyemezo cyo ku itariki ya 22 Nzeri 2022, cyafashwe mu rubanza rwa Nzabonimpa na bagenzi be, bikwiye guhindurirwa urwego rw'umutekano;

**KUBERA IMPAMVU ZIMAZE KUVUGWA**,

**SINEMEYE** Icyifuzo cy'Incuti y'Urukiko;

**NEMEYE** Icyifuzo cya Robinson; kandi

---

[8] Igisubizo, ibika 2, 5, havugwa ku biri mu *Rubanza Porokireri aburana n'Anselme Nzabonimpa na bagenzi be*, Nº MICT-18-116-R90.1, Icyemezo ku Cyifuzo gisaba ko hatangwa itegeko rigenewe Gerefiye, 22 Nzeri 2022 (Inyandiko y'ibanga kandi ifite abo itagomba kumenyeshwa) ("Icyemezo mu rubanza rwa Nzabonimpa na bagenzi be, 22 Nzeri 2022"); *Urubanza Porokireri aburana n'Anselme Nzabonimpa na bagenzi be*, Nº MICT-18-116-R90.1, Icyifuzo gisaba ko hatangwa itegeko rigenewe Gerefiye, 13 Nzeri 2022 (Inyandiko y'ibanga kandi ifite abo itagomba kumenyeshwa) ("Icyifuzo cyo ku itariki ya 13 Nzeri 2022 cyatanzwe mu rubanza rwa Nzabonimpa na bagenzi be").

[9] Igisubizo, igika cya 3, havugwa ku biri mu Cyemezo cyo ku itariki ya 27 Werurwe 2025.

[10] Igisubizo ku Cyifuzo cya Robinson gisaba ko inyandiko zihindurirwa urwego rw'umutekano cyo ku itariki ya 2 Mata 2025, 7 Mata 2025, ibika 3, 4 (Aho Incuti y'Urukiko ivuga ko izatanga inyandiko itari ibanga, yakuwemo ibigomba kugirwa ibanga, y'Icyifuzo cyo ku itariki ya 13 Nzeri 2022 cyatanzwe mu rubanza rwa Nzabonimpa na bagenzi be). Reba Igisubizo, igika cya 4.

[11] Reba *Urubanza Porokireri aburana na Marie Rose Fatuma na bagenzi be*, Nº MICT-18-116-A, Icyemezo ku Cyifuzo gisaba ko inyandiko z'ibanga zatanzwe mu rubanza rwa Nzabonimpa na bagenzi be zihindurirwa urwego rw'umutekano, 18 Gicurasi 2022, paje ya 2, havugwa ku biri mu *Rubanza Porokireri aburana na Radovan Karadžić*, Nº MICT-13-55-A, Icyemezo ku Cyifuzo gisaba ko hatangwa inyandiko itari ibanga, yakuwemo ibigomba kugirwa ibanga, y'Icyemezo, 12 Gashyantare 2019, paje ya 2 n'ibisobanuro byo hasi kuri paje.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**NTEGETSE** Gerefiye: (i) gukura Icyifuzo cyo ku itariki ya 13 Nzeri 2002, cyatanzwe mu rubanza rwa Nzabonimpa na bagenzi be, mu rwego rw'inyandiko zifite abo zitagomba kumenyeshwa maze kigashyirwa mu nyandiko z'ibanga; no (ii) guhindura urwego rw'umutekano w'Icyemezo cyo ku itariki ya 22 Nzeri 2022, cyatanzwe mu rubanza rwa Nzabonimpa na bagenzi be, maze kikagirwa inyandiko itari ibanga.

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa ariko inyandiko yo mu cyongereza ni yo igenderwaho.

Bikozwe uyu munsi, tariki ya 22 Gicurasi 2025,

Arusha, muri Tanzaniya.

[**Umukono**]

Joseph E. Chiondo Masanche
Umucamanza umwe rukumbi

**[Kashe ya IRMCT]**



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT